23 DEC 2021

**REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**MINISITERI Y'IBIDUKIKIJE**

## ITANGAZO KU GUSABA INKUNGA

**UMUSHINGA UGAMIJE KUZAHURA IBIGO BITO N'IBICIRIRITSE BY'ABAGORE N'URUBYIRUKO MU GUHANGANA N'INGARUKA ZA COVID-19, ICYICIRO CYA 2**

Guverinoma y'u Rwanda, ibinyujije muri Minisiteri y'Ibidukikije, yabonye inkunga y'ishami ry'umuryango w'abibumbye ritsura amajyambere (UNDP) ihwanye na miliyoni imwe n' ibihumbi magana atanu y'amadolari ($ 1.500.000) kugirango ishyire mu bikorwa "Umushinga ugamije kuzahura ibigo bito n'ibiciriritse by'urubyiruko n'abagore ndetse n'amakoperative (RFF) mu rwego rwo gushyigikira ingamba zo kubungabunga ibidukikije muri gahunda y'igihugu yo guhangana n'ingaruka zatewe n'icyorezo cya COVID-19.

Intego nyamukuru y'uyu mushinga wa RFF ni ugushyigikira Leta y' u Rwanda mu ngamba zo guhangana n'ingaruka za COVID-19; naho imwe mu ntego zihariye ikaba kongerera ubushobozi ba rwiyemezamirimo b'abagore n'urubyiruko kubona imari n'uburyo bw'ikoranabuhanga byabafasha guhangana n'ihungabana ry'ubukungu ryatewe na COVID-19 binyuze mu kugira uruhare rugaragara mu buhinzi, ubukerarugendo burengera ibidukikije n'ubucuruzi bwifashisha ikoranabuhanga.

Muri urwo rwego, Minisiteri y'Ibidukikije iramenyesha urubyiruko n'abagore bafite ibigo bito n'ibiciriritse na za koperative bagizweho ingaruka na Covid-19 ko yashyizeho icyiciro cya kabiri cyo gusaba inkunga yo kuzahura imshinga yabo ikava muri icyo gihombo. Muri uyu mushinga, hatoranijwe Uturere dukurikira: Rubavu na Nyabihu mu Ntara y'Iburengerazuba, Burera, Rulindo na Musanze mu Ntara y'Amajyaruguru, Bugesera na Rwamagana mu Ntara y'Iburasirazuba, Kamonyi mu Ntara y'Amajyepfo n'Umujyi wa Kigali.

**Minisiteri irakangurira ababyifuza bari muri icyo cyiciro:**

1. Gusoma no kwita mu mabwiriza akurikizwa mu gusaba inkunga yatanzwe ku mugereka w'iri tangazo
2. Kugeza dosiye isaba inkunga yuzuye neza kuri infor@environment.gov.rw no guha kopi tdusengimana@environment.gov.rw bitarenze **14 Mutarama 2022**.

Dosiye zizasuzumwa hashingiwe ku bigenderwaho bigaragara mu mabwiriza yo gusaba inkunga yavuzwe haruguru.

Mugire Amahoro.

MINISTRY OF ENVIRONMENT

**KARERA Patrick**
**Umunyamabanga Uhoraho**